Repubulika y'u Rwanda
Ministeri y'Uburezi

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI

**Tariki ya 29 Ukuboza, 2025**

Hashingiwe ku ngengabihe y'umwaka w'amashuri wa 2025/2026 yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira gusubira ku Ishuri gutangira igihebwe cya kabiri guhera tariki ya **03/01/2026** kugeza ku wa **06/01/2026. Gahunda y'ingendo iteye mu buryo bukurikira hagendewe ku karere ishuri riherereyemo:**

| UMUNSI | ITARIKI | AKARERE | INTARA/UMUJYI WA KIGALI |
|---|---|---|---|
| Ku wa Gatandatu | 03/01/2026 | Nyanza na Kamonyi | Intara y'Amajyepfo |
| | | Karongi na Rutsiro | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Rulindo na Gakenke | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Ngoma na Kirehe | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku Cyumweru | 04/01/2026 | Ruhango na Gisagara | Intara y'Amajyepfo. |
| | | Nyabihu na Rubavu | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Burera | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Rwamagana na Kayonza | Intara y'Iburasirazuba |
| Ku wa Mbere | 05/01/2026 | Muhanga na Nyaruguru | Intara y'Amajyepfo |
| | | Rusizi na Nyamasheke | Intara y'Iburengerazuba |
| | | Bugesera | Intara y'Iburasirazuba |
| | | Gicumbi | Intara y'amajyaruguru. |
| Ku wa Kabiri | 06/01/2026 | Huye na Nyamagabe | Intara y'Amajyepfo |
| | | Ngororero | Intara y' i Burengerazuba |
| | | Nyagatare na Gatsibo | Intara y'Iburasirazuba |
| | | Musanze | Intara y'Amajyaruguru |
| | | Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro | Umujyi wa Kigali |

**ICYITONDERWA:**

- Abanyeshuri barasabwa kubahiriza gahunda y'ingendo uko iteganyijwe kandi bambaye umwambaro w'ishuri.
- Ababyeyi barasabwa guha abana amafaranga y'urugendo.
- Abashinzwe uburezi mu turere no mu mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gusubiza abanyeshuri ku Ishuri no gukurikirana ko amashuri yiteguye kubakira.
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara bigamo, bazafatira imodoka kuri stade ya KIGALI PELE STADIUM (i Nyamirambo).
- **Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izajya iba ifunze. Nta munyeshuri wemerewe kuza nyuma y'iyo saha.**